# ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

## UMUHANGO WO KWIZIHIZA INTAMBWE YATEWE YO KUGEZA AMASHANYARAZI KU NGO ZIRENGA MILIYONI 2

Kigali, kuwa 05 Ugushyingo, 2022 – Habaye umuhango wo kwizihiza intambwe u Rwanda rwateye yo kugeza amashanyarazi ku ngo zirenga 2,000,000.

Amashanyarazi ni inkingi ya mwamba mu kuzamura iterambere ry'ubukungu ndetse n'imibereho myiza y'abaturage. Guteza imbere urwego rw'ingufu, cyane cyane hakwirakwiza amashanyarazi kuri buri muturage, biri mu ntego z'ingenzi Leta yihaye.

Leta yagiye ishyira imbaraga nyinshi mu mishinga yo guteza imbere ingufu kandi ibi byatumye haterwa intambwe nini mu kongera umubare w'ingo zifite amashanyarazi mu Rwanda, bijyanye n'intego ya Guverinoma yo kugeza amashanyarazi kuri bose bitarenze umwaka wa 2024. Kuva mu mwaka wa 2000 kugera ubu, ingo zifite amashanyarazi mu Rwanda zarazamutse ziva kuri 2% gusa zigera kuri 74.5%, ubariyemo izisaga 50.9% zifite amashanyarazi afatiye ku muyoboro rusange ndetse na 23.6% zifite amashanyarazi adafatiye ku muyoboro rusange, yiganjemo akomoka ku mirasire y'izuba ndetse n'afatiye ku miyoboro itari iya rusange (mini grids).

Kuva mu myaka ya 1937 ubwo sosiyete ya REGIDESO yatangiraga gukorera mu Rwanda ndetse no mu myaka ya 1957 ubwo uruganda rw'amashanyarazi rwa mbere rwubakwaga mu Rwanda, ukagera yewe no mu myaka ya 2000, amashanyarazi yasaga nk'ahariwe gusa abatuye mu bice by'imijyi. Icyo gihe ingo zari zifite amashanyarazi zabarirwaga mu bihumbi 46 gusa. Mu mwaka wa 2009, Leta yatangije gahunda yihariye yo gukwirakwiza amashanyarazi hose, cyane cyane mu bice by'icyaro. Iyi gahunda yafashije cyane kugeza henshi amashanyarazi, bituma ingo zifite amashanyarazi afatiye ku muyoboro rusange ziyongera zigera 492,641 mu 2014 ndetse ubu zirabarirwa hafi kuri miliyoni 1,4.

N'ubwo hakomeje gushyirwa imbaraga nyinshi mu kwagura imiyoboro ikwirakwiza amashanyarazi, byagaragaye ko kugeza imiyoboro kuri buri rugo bizatwara igihe kinini. Niyo mpamvu hafashwe ingamba zo kwifashisha amashanyarazi adafatiye ku muyoboro rusange, cyane cyane akomoka ku mirasire y'izuba, agahabwa abatuye mu bice biherereye kure y'imiyoboro isanzwe.  Ubu ingo zirenga ibihumbi 640 zahawe amashanyarazi muri ubu buryo kandi ziracana.

Gahunda yo gukwirakwiza amashanyarazi mu Rwanda iganisha ku ntego y'amashanyarazi kuri bose iteganya ko mu 2024 ingo zisaga 70% zizaba zifite amashanyarazi afatiye ku muyoboro rusange hanyuma izisaga 30% zikazaba zikoresha amashanyarazi adafatiye ku muyoboro rusange.

**END**

**KN82 ST3, Nyarugenge District, Kigali City, P.O. Box 537 Kigali, Rwanda**
**Tel.: +(250) (0) 788385025, email: info@reg.rw, website: www.reg.rw**